



Umwaka wa 60
Igazeti ya Leta n° 01 yo ku
wa 04/01/2021

Year 60
Official Gazette n° 01 of
04/01/2021

60^{ème} Année
Journal Officiel n° 01 du
04/01/2021

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Iteka rya Minisitiri w'Intebe/Prime Minister's Order/ Arrêté du Premier Ministre

N° 169/03 ryo ku wa 30/12/2020	
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Abayobozi	4
N° 169/03 of 30/12/2020	
Prime Minister's Order appointing Senior Officials.....	4
N° 169/03 du 30/12/2020	
Arrêté du Premier Ministre portant nomination des Cadres.....	4

B. Iteka rya Minisitiri /Ministerial Order/Arrêté Ministériel

N° 01/CAB.M/20 ryo ku wa 30/12/2020	
Iteka rya Minisitiri ryerekeye Komite y'Ubujuje mu by'Indege za Gisivili	10
N° 01/CAB.M/20 of 30/12/2020	
Ministerial Order relating to the Appeal Committee in Civil Aviation	10
N° 01/CAB.M/20 du 30/12/2020	
Arrêté Ministériel relatif au Comité de Recours en Aviation Civile.....	10

C. Guhindura amazina / Change of Names / Changement de noms

Icyemezo gitanga uburenganzira bwo guhindura izina :

NSENGIMANA Steven	29
NAMUSISI Josephine	30
KANGABIRE AIME GISELLE	31
UWINGABIYE	32
NYIRABASHYIRAHAMWE Angélique	33
NTAGISANIMANA Augustin	34

NDIMUBANZI Innocent BAHINZOKA	35
MUGENI.....	36
MUTAGANZWA	37
TUYISENGE Pierre	38
BUKEYE Gilbert	39
MUSENGIMANA.....	40
NTIBASHIRAKANDI Pilotte	41
SINGA Brenda	42
SHUMBUSHO Janvier	43
SETENGERA Emmanuel	44
BANA Divine	45
FEZA MWENEDATA Samantha	46
UWIMANA Yvette	47
SEMAKAWA Silas	48
HABIYAREMYE MWIHOREZE Patrick	49
MUNEZERO Claver.....	50
NYANGOMA Annet	51
NYIRASUKU Esperance	52
TUYISHIME Divine	53
NGENDAHAHOYO KIBINGIRA	54
SIBOMANA James	55
MUGISHA.....	56
BIMENYIMANA Jérôme	57
BUZIGWA Munyaga Herman Ruddy	58
DAVIES Edwin	59
DUFITUMUKIZA.....	60
HABIMANA Louis	61
HIRWA Dick	62
ISHIMWE Aline	63
KAMIKAZI Nancy	64
MANIRAKIZA Janvier	65
KANEZA Ines	66
MUKABUSHAYIJA Christine	67
MUKAMUGENZA Julie	68
MURAGIJIMANA SHEMA Martin	69
MUSHAYIJA	70
MUTEMURA Eric	71
MUTESI Goreth	72
MWIZERWA Joshua	73
NIYIGENA Angelique	74
NSHIMYUMUKIZA Eric	75
UMUGWANEZA CHANCE	76
UMUHOZA Bertin Confiance	77
UWASE Marie Pierre	78
UWINEZA KAMANZI Alain	79
UWIZEYE Joel	80

Ingingo z'ingenzi z'impamvu yo gusaba guhinduza amazina /Name change request:

IGIHOZO.....	81
FATISUKA Emmanuel	81
IYOMENYAKARE Benjamin	82
MUKARURANGA Christine	82
NURU Flavier	83
SUBUKINO Joseph	83
NAYIGIZIKI Philomene	84
NYIRAZIBERA GAHUNYIRA Françoise.....	84
TETA Afisa	85
NIYONGABO Ezechiel	85
RENZAHO Faustin	86
SIMBANDUMWE Didas.....	86
NKOTANYI Jean Claude	87
NZUBAHIMANA François	87
UWERA Marie Jose	88
MUTONI Jacqueline	88
RUVAKUNDA François	89
RUTAREKA Janet	89
NDAGIJE.....	90
NYIRABAHUTU Immaculee.....	90
UMUTESI Alice	91
DJAZILA Kyamwami	91
NYANDWI Faustin Fobi	92
MUKARUKUNDO Rugumire	92
ICYISHAKA Alice	93
DUSENGIMANA Samuel	93
RUTAGARAMA Lynca	94
NYIRANGIZWENABO Mariamu	94
SIMBIKANGWA Pierre	95
HODALI Junia.....	95
GAKARAMA Eric.....	96
SHUKURU Jean.....	96

D. Amakoperative / Cooperatives

TWIGIRE GAKO	97
TUVEMUBWIGUNGE.....	98

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 169/03 RYO KU WA 30/12/2020 RISHYIRAHO ABAYOBOZI</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 169/03 OF 30/12/2020 APPOINTING SENIOR OFFICIALS</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 169/03 DU 30/12/2020 PORTANT NOMINATION DES CADRES</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Ishyirwaho</p>	<p><u>Article One:</u> Appointment</p>	<p><u>Article premier:</u> Nomination</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p>	<p><u>Article 2:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p>	<p><u>Article 2:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p>	<p><u>Article 3:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 3:</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 4:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 4:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 169/03 RYO KU WA 30/12/2020 RISHYIRAHO ABAYOBOZI</p> <p>Minisitiri w'Intebe;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, 120, 122 n'ya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 017/2020 ryo ku wa 07/10/2020 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 11/11/2020, imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 169/03 OF 30/12/2020 APPOINTING SENIOR OFFICIALS</p> <p>Prime Minister;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 017/2020 of 07/10/2020 establishing the general statute governing public servants, especially in Article 8;</p> <p>On proposal by the Minister of Public Service and Labour;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 11/11/2020;</p> <p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 169/03 DU 30/12/2020 PORTANT NOMINATION DES CADRES</p> <p>Premier Ministre;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 017/2020 du 07/10/2020 portant statut général régissant les agents de l'État, spécialement en son article 8;</p> <p>Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 11/11/2020;</p> <p>ARRÊTE:</p>
---	--	--

<u>Ingingo ya mbere: Ishyirwaho</u>	<u>Article One: Appointment</u>	<u>Article premier: Nomination</u>
<p>Abantu bakurikira bagizwe Abayobozi:</p> <p>1° Bwana MWUMVANEZA Felicien, <i>Commissioner for Customs Services</i> mu Kigo cy’Imisoro n’Amahoro;</p> <p>2° Madamu UWAMALIYA Rosine, <i>Commissioner for Internal Audit and Integrity</i> mu Kigo cy’Imisoro n’Amahoro;</p> <p>3° Bwana MAJYAMBERE Felix Aimable, <i>Commissioner for Legal Services and Board Affairs</i> mu Kigo cy’Imisoro n’Amahoro;</p> <p>4° Madamu MURASI Innocente, <i>Commissioner for Strategy and Risk Analysis</i> mu Kigo cy’Imisoro n’Amahoro;</p> <p>5° Bwana HITIMANA Jean Pierre, <i>Komiseri ushinzwe Imari</i> mu Kigo cy’Imisoro n’Amahoro;</p>	<p>The following persons are appointed Officials:</p> <p>1° Mr MWUMVANEZA Felicien, <i>Commissioner for Customs Services</i> in Rwanda Revenue Authority;</p> <p>2° Ms UWAMALIYA Rosine, <i>Commissioner for Internal Audit and Integrity</i> in Rwanda Revenue Authority;</p> <p>3° Mr MAJYAMBERE Felix Aimable, <i>Commissioner for Legal Services and Board Affairs</i> in Rwanda Revenue Authority;</p> <p>4° Ms MURASI Innocente, <i>Commissioner for Strategy and Risk Analysis</i> in Rwanda Revenue Authority;</p> <p>5° Mr HITIMANA Jean Pierre, <i>Commissioner for Finance</i> in Rwanda Revenue Authority;</p>	<p>Les personnes ci-dessous sont nommées les Cadres:</p> <p>1° M. MWUMVANEZA Felicien, <i>Commissioner for Customs Services</i> au sein de l’Office Rwandais des Recettes;</p> <p>2° Mme UWAMALIYA Rosine, <i>Commissioner for Internal Audit and Integrity</i> au sein de l’Office Rwandais des Recettes;</p> <p>3° M. MAJYAMBERE Felix Aimable, <i>Commissioner for Legal Services and Board Affairs</i> au sein de l’Office Rwandais des Recettes;</p> <p>4° Mme MURASI Innocente, <i>Commissioner for Strategy and Risk Analysis</i> au sein de l’Office Rwandais des Recettes;</p> <p>5° M. HITIMANA Jean Pierre, <i>Commissaire chargé des Finances</i> au sein de l’Office Rwandais des Recettes;</p>

Official Gazette n° 01 of 04/01/2021

<p>6° Madamu INGABIRE KALISA Louise, <i>Commissioner for Technology and Digital Transformation</i> mu Kigo cy’Imisoro n’Amahoro;</p>	<p>6° Ms INGABIRE KALISA Louise, Commissioner for Technology and Digital Transformation in Rwanda Revenue Authority;</p>	<p>6° Mme INGABIRE KALISA Louise, <i>Commissioner for Technology and Digital Transformation</i> au sein de l’Office Rwandais des Recettes ;</p>
<p>7° Madamu TETERO Solange, <i>Director General of Youth Empowerment</i> muri Minisiteri y’Urubyiruko n’Umuco;</p>	<p>7° Ms TETERO Solange, Director General of Youth Empowerment in the Ministry of Youth and Culture;</p>	<p>7° Mme TETERO Solange, <i>Director General of Youth Empowerment</i> au sein du Ministère de la Jeunesse et de la Culture;</p>
<p>8° Bwana TWAHIRWA Aimable, <i>Director General of Culture Promotion</i> muri Minisiteri y’Urubyiruko n’Umuco;</p>	<p>8° Mr TWAHIRWA Aimable, Director General of Culture Promotion in the Ministry of Youth and Culture;</p>	<p>8° M. TWAHIRWA Aimable, <i>Director General of Culture Promotion</i> au sein du Ministère de la Jeunesse et de la Culture;</p>
<p>9° Madamu UWONKUNDA Irène, <i>Head of Nutrition and Hygiene Department</i> mu Kigo cy’Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana;</p>	<p>9° Ms UWONKUNDA Irène, Head of Nutrition and Hygiene Department in National Child Development Agency;</p>	<p>9° Mme UWONKUNDA Irène, <i>Head of Nutrition and Hygiene Department</i> au sein de l’Agence Nationale pour le Développement de l’Enfant;</p>
<p>10° Madamu ZANINKA Freya, <i>Head of Child Development, Protection and Promotion Department</i> mu Kigo cy’Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana;</p>	<p>10° Ms ZANINKA Freya, Head of Child Development, Protection and Promotion Department in National Child Development Agency;</p>	<p>10° Mme ZANINKA Freya, <i>Head of Child Development, Protection and Promotion</i> au sein de l’Agence Nationale pour le Développement de l’Enfant;</p>
<p>11° Dr SIBOMANA Louis <i>Head of Science, Technology Development and Outreach Department</i> mu Nama y’Igihugu y’Ubumenyi n’Ikoranabuhanga;</p>	<p>11° Dr SIBOMANA Louis, Head of Science, Technology Development and Outreach Department in National Council for Science and Technology;</p>	<p>11° Dr SIBOMANA Louis, <i>Head of Science, Technology Development and Outreach Department</i> au sein du Conseil National de la Science et de la Technologie;</p>

<p>12° Dr MUNGANYINKA Espérance, <i>Head of National Research and Innovation Fund Department</i> mu Nama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga;</p> <p>13° Madamu UMULISA Diana, <i>Advisor to the Executive Secretary</i> w'Inama y'Igihugu y'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga.</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p> <p>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p> <p>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 11/11/2020.</p>	<p>12° Dr MUNGANYINKA Espérance, Head of National Research and Innovation Fund Department in National Council for Science and Technology;</p> <p>13° Ms UMULISA Diana, Advisor to the Executive Secretary of National Council for Science and Technology.</p> <p><u>Article 2:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p> <p>The Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p> <p><u>Article 3:</u> Repealing provision</p> <p>All prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 4:</u> Commencement</p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 11/11/2020.</p>	<p>12° Dr MUNGANYINKA Espérance, <i>Head of National Research and Innovation Fund Department</i> au sein du Conseil National de la Science et de la Technologie;</p> <p>13° Mme UMULISA Diana, <i>Advisor to the Executive Secretary</i> du Conseil National de la Science et de la Technologie.</p> <p><u>Article 2:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</p> <p>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p> <p><u>Article 3:</u> Disposition abrogatoire</p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p> <p><u>Article 4:</u> Entrée en vigueur</p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 11/11/2020.</p>
--	---	--

Kigali, 30/12/2020

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

(sé)

RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
Minister of Public Service and Labour
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/CAB.M/20 RYO KU WA 30/12/2020 RYEREKEYE KOMITE Y'UBUJURIRE MU BY'INDEGE ZA GISIVILI</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 01/CAB.M/20 OF 30/12/2020 RELATING TO THE APPEAL COMMITTEE IN CIVIL AVIATION</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 01/CAB.M/20 DU 30/12/2020 RELATIF AU COMITÉ DE RECOURS EN AVIATION CIVILE</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></p>	<p><u>Article 2: Definitions</u></p>	<p><u>Article 2: Définitions</u></p>
<p>UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYA KOMITE</p>	<p>CHAPTER II: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE COMMITTEE</p>	<p>CHAPITRE II: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU COMITÉ</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Abagize Komite</u></p>	<p><u>Article 3: Composition of the Committee</u></p>	<p><u>Article 3: Composition du Comité</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Ububasha bwa Komite</u></p>	<p><u>Article 4: Powers of the Committee</u></p>	<p><u>Article 4: Pouvoirs du Comité</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Igihe cyo kujurira n'umuntu utanga ubujurire</u></p>	<p><u>Article 5: Period for lodging an appeal and competent person</u></p>	<p><u>Article 5: Délai pour interjection de recours et personne habilitée</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Guhagararirwa kw'impande</u></p>	<p><u>Article 6: Representation of parties</u></p>	<p><u>Article 6: Représentation des parties</u></p>
<p><u>Ingingo ya 7: Inengwa ry'ububasha bwo guhagararira</u></p>	<p><u>Article 7: Challenging the power to represent</u></p>	<p><u>Article 7: Contestation de la capacité de représentation</u></p>

<u>Ingingo ya 8:</u> Amafaranga y’ubujurire	<u>Article 8:</u> Appeal fees	<u>Article 8:</u> Frais de recours
<u>Ingingo ya 9:</u> Uburyo bwo gutanga ubujurire	<u>Article 9:</u> Procedure for lodging an appeal	<u>Article 9:</u> Procédure d’interjection de recours
<u>Ingingo ya 10:</u> Ibikubiye mu nyandiko y’ubujurire	<u>Article 10:</u> Content of an appeal request	<u>Article 10:</u> Contenu d’une demande de recours
<u>Ingingo ya 11:</u> Imyanzuro	<u>Article 11:</u> Submissions	<u>Article 11:</u> Conclusions
<u>Ingingo ya 12:</u> Ivugururwa ry’imyanzuro	<u>Article 12:</u> Amendment of submissions	<u>Article 12:</u> Modification des conclusions
<u>Ingingo ya 13:</u> Itangwa ry’innyandiko cyangwa ry’amajwi n’amashusho	<u>Article 13:</u> Production of documents or recording	<u>Article 13:</u> Production des documents ou d’un enregistrement
<u>Ingingo ya 14:</u> Guhamagara abatangabuhamya	<u>Article 14:</u> Summoning of witnesses	<u>Article 14:</u> Assignation des témoins
<u>Ingingo ya 15:</u> Imenyeshya ryo kumva ubujurire	<u>Article 15:</u> Notice of hearing of an appeal	<u>Article 15:</u> Avis d’audition d’un recours
<u>Ingingo ya 16:</u> Gutanga ibimenyetso	<u>Article 16:</u> Production of evidence	<u>Article 16:</u> Production des preuves
<u>Ingingo ya 17:</u> Iyimirwa n’isubikwa	<u>Article 17:</u> Adjournment and postponement	<u>Article 17:</u> Ajournement et remise
<u>Ingingo ya 18:</u> Kumva ubujurire	<u>Article 18:</u> Hearing an appeal	<u>Article 18:</u> Audition d’un recours
<u>Ingingo ya 19:</u> Ingaruka zo kubura mu gihe cyo kumva ubujurire	<u>Article 19:</u> Effects of defaulting in the hearing of an appeal	<u>Article 19:</u> Effets de la non comparution lors de l’audition d’un recours

<p><u>Ingingo ya 20:</u> icyemezo cya Komite</p> <p><u>Ingingo ya 21:</u> Inyandikomvugo yo kumva ubujurire</p> <p>UMUTWE WA III: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</p> <p><u>Ingingo ya 22:</u> Agaciro k'icyemezo mu gihe hategerejwe ubujurire</p> <p><u>Ingingo ya 23:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p> <p><u>Ingingo ya 24:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 20:</u> Decision of the Committee</p> <p><u>Article 21:</u> Minutes of hearings of an appeal</p> <p>CHAPTER III: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</p> <p><u>Article 22:</u> Validity of a decision pending appeal</p> <p><u>Article 23:</u> Repealing provision</p> <p><u>Article 24:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 20:</u> Décision du Comité</p> <p><u>Article 21:</u> Procès-verbal d'audition d'un recours</p> <p>CHAPITRE III: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</p> <p><u>Article 22:</u> Validité de la décision attaquée en recours</p> <p><u>Article 23:</u> Disposition abrogatoire</p> <p><u>Article 24:</u> Entrée en vigueur</p>
---	--	--

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/CAB.M/20 RYO KU WA 30/12/2020 RYEREKEYE KOMITE Y'UBUJURIRE MU BY'INDEGE ZA GISIVILI</p> <p>Minisitiri w'Ibikorwa Remezo;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 20/2018 ryo ku wa 29/04/2018 rigena amabwiriza mu by'indege za gisivili, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 33;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 27/10/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 01/CAB.M/20 OF 30/12/2020 RELATING TO THE APPEAL COMMITTEE IN CIVIL AVIATION</p> <p>The Minister of Infrastructure;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 20/2018 of 29/04/2018 establishing regulations governing civil aviation, especially in Article 33;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 27/10/2020;</p> <p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 01/CAB.M/20 DU 30/12/2020 RELATIF AU COMITÉ DE RECOURS EN AVIATION CIVILE</p> <p>Le Ministre des Infrastructures;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles, 121, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 20/2018 du 29/04/2018 portant réglementation de l'aviation civile, spécialement en son article 33;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 27/10/2020;</p> <p>ARRÊTE:</p>
---	--	--

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this Order	<u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté
Iri teka rigena imitunganyirize n'imikorere bya Komite y'Ubururire mu by'Indege za Gisivili.	This Order determines the organisation and functioning of the Appeal Committee in Civil Aviation.	Le présent arrêté détermine l'organisation et le fonctionnement du Comité de Recours en Aviation Civile.
<u>Ingingo ya 2:</u> Ibisobanuro by'amagambo	<u>Article 2:</u> Definitions	<u>Article 2:</u> Définitions
Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:	In this Order, the following terms have the following meanings:	Dans le présent arrêté, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:
1° gushyikiriza: guha inyandiko Umunyamabanga ukanagera kopi undi muburanyi, haba mu ntoki, ukoresheje aderesi y'iposita yanditse cyangwa aderesi y'ikorabuhanga;	1° deliver: to file a document with the Secretary and give a copy on the opposite party either by hand-delivery, registered mail or electronic mail;	1° livraison: le fait de déposer un document auprès du Secrétaire et donner une copie à la partie adverse, soit par livraison manuelle, courrier recommandé ou courrier électronique;
2° imenyesha: imenyesha rikozwe mu nyandiko;	2° notice: notice in writing;	2° avis: notification par écrit;
3° Komite: Komite y'Ubururire mu by'indege za gisivili;	3° Committee: Appeal Committee in Civil Aviation;	3° Comité: Comité de Recours en aviation civile;
4° Umunyamabanga: Umunyabanga wa Komite	4° Secretary: Secretary of the Committee;	4° Secrétaire: Secrétaire du Comité;
5° umuntu: umuntu ku giti cye, isosiyete y'ubucuruzi, umuryango cyangwa ikigo;	5° person: an individual, a company, an organisation or an institution;	5° personne: personne physique, société commerciale, organisation ou établissement;

<p>6° uregwa: Urwego rw'Igihugu rushinzwe iby'indege za gisivili.</p> <p>UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYA KOMITE</p> <p><u>Ingingo ya 3: Abagize Komite</u></p> <p>Abagize Komite ni aba bakurikira:</p> <p>1° uhagarariye Minisiteri y'Ibikorwa Remezo, Perezida wa Komite;</p> <p>2° uhagarariye Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda, Visi Perezida wa Komite;</p> <p>3° uhagarariye Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda, Umwanditsi n'Umunyamabanga wa Komite;</p> <p>4° uhagarariye Minisiteri y'Ubuzima;</p> <p>5° umuntu wigenga w'inzobere mu by'indege.</p>	<p>6° respondent: Rwanda Civil Aviation Authority.</p> <p>CHAPTER II: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE COMMITTEE</p> <p><u>Article 3: Composition of the Committee</u></p> <p>The Committee is comprised of the following members:</p> <p>1° a representative of the Ministry of Infrastructure, Chairperson of the Committee;</p> <p>2° a representative of Rwanda Development Board, Vice-Chairperson of the Committee;</p> <p>3° a representative of the Rwanda Bar Association, Rapporteur and Secretary of the Committee;</p> <p>4° a representative of the Ministry of Health;</p> <p>5° an independent person who has expertise in aviation.</p>	<p>6° répondant: Office rwandais de l'aviation civile.</p> <p><u>CHAPITRE II: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU COMITÉ</u></p> <p><u>Article 3: Composition du Comité</u></p> <p>Le Comité est composé des membres suivants:</p> <p>1° un représentant du Ministère des Infrastructures, Président du Comité;</p> <p>2° un représentant de l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda, Vice-Président du Comité;</p> <p>3° un représentant de l'Ordre des Avocats au Rwanda, Rapporteur et le Secrétaire du Comité;</p> <p>4° un représentant du Ministère de la Santé;</p> <p>5° une personne indépendante qui a de l'expertise en aviation.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 4: Ububasha bwa Komite</u></p> <p>Komite ifite ububasha ku cyemezo cyafashwe n'Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe iby'Indege za Gisivili ku byerekeye ibi bikurikira:</p> <p>1° guhindura, kvanaho, guhagarika by'agateganyo cyangwa guhagarika burundu uruhushya rw'umupilote, urw'umukozi wo mu ndege n'urwo gukoresha ikibuga cy'indege;</p> <p>2° guhindura, kvanaho, guhagarika by'agateganyo cyangwa guhagarika burundu icyemezo cy'ubwikorezi bwo mu kirere;</p> <p>3° guhindura, kvanaho, guhagarika by'agateganyo cyangwa guhagarika burundu ikindi cyose cyemejwe cyangwa cyatangirwe uruhushya.</p>	<p><u>Article 4: Powers of the Committee</u></p> <p>The Committee has powers over the decision of the Director General of Rwanda Civil Aviation Authority in relation to the following:</p> <p>1° modification, revocation, suspension or cancelling of a licence of the pilot, crew and aerodrome;</p> <p>2° modification, revocation, suspension or cancelling of an air operator certificate;</p> <p>3° modification, revocation, suspension or cancelling of any other approval or authorisation.</p>	<p><u>Article 4: Pouvoirs du Comité</u></p> <p>Le Comité a les pouvoirs sur la décision du Directeur Général de l'Office Rwandais de l'Aviation Civile en rapport avec les suivants:</p> <p>1° la modification, la révocation, la suspension et l'annulation de la licence du pilote, de l'équipage et de l'aérodrome;</p> <p>2° la modification, la révocation, la suspension et l'annulation d'un permis d'exploitation aérienne;</p> <p>3° la modification, la révocation, la suspension et l'annulation de toute autre approbation ou autorisation.</p>
<p><u>Ingingo ya 5: Igihe cyo kujurira n'umuntu utanga ubujurire</u></p> <p>Umuntu utishimiye icyemezo cy'Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe iby'Indege za Gisivili cyo guhindura, guhagarika by'agateganyo cyangwa kvanaho uruhushya cyangwa icyemezo ashobora kujuririra Komite mu</p>	<p><u>Article 5: Period for lodging an appeal and competent person</u></p> <p>A person who is not satisfied with a decision of the Director General of Rwanda Civil Aviation Authority to modify, suspend or revoke a licence or a certificate may lodge an appeal to the Committee within seven (7) days</p>	<p><u>Article 5: Délai pour interjection de recours et personne habilitée</u></p> <p>Une personne qui n'est pas satisfaite de la décision du Directeur Général de l'Office Rwandais de l'Aviation Civile de modifier, de suspendre ou de révoquer une licence ou un permis peut interjeter un recours devant le</p>

<p>gihe cy'iminsi irindwi (7) ibarwa uherye ku itariki yaboneyeho impamvu z'icyo cyemezo.</p> <p>Ubujurire buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo butangwa n'ujurira, umukozi we yabihereye uburenganzira cyangwa umuhagarariye mu mategeko.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Guhagararirwa kw'impande</u></p> <p>Buri ruhanda rushobora ubwarwo kuza mu gihe cyo kumva ubujurire, guhagararirwa cyangwa hakaza umwunganizi warwo mu mategeko.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Inengwa ry'ububasha bwo guhagararira</u></p> <p>Ububasha bwo guhagararira uruhande bushobora kunengwa n'urundi ruhanda rugaragaza ko uhagarariye uruhande atari we nyakuri ugomba kuruhagararira. Icyo gihe, uwo muntu ntacyo ashobora gukora atabanje kwereka Komite ko afite ububasha bwo guhagararira urwo ruhanda. Komite ishobora gusubika kumva ubujurire kugira ngo uwo muntu agaragaze ubu bubasha.</p>	<p>starting from the date of receipt of the reasons for such a decision.</p> <p>The appeal is brought by the person who is filing the appeal, a duly authorised employee or legal representative of the appellant.</p> <p><u>Article 6: Representation of parties</u></p> <p>A party may be represented in the appeal proceedings in person or by a person delegated by him or her or by an advocate.</p> <p><u>Article 7: Challenging the power to represent</u></p> <p>The capacity of a person to represent a party may be challenged by the other party on grounds of not being the true representative. In such a case, that person may not act further until he or she has satisfied the Committee that he or she has authority so to act. The Committee may adjourn the hearing to enable the representative to prove he or she has that authority.</p>	<p>Comité endéans sept (7) jours comptés à partir de la réception des motifs d'une telle décision.</p> <p>Le recours est formé par une personne qui interjette l'appel ou par un employé ou un représentant légal dûment autorisé de l'appellant.</p> <p><u>Article 6: Représentation des parties</u></p> <p>Une partie, lors de l'audition en recours, peut être représentée en personne, par un mandataire ou par un avocat.</p> <p><u>Article 7: Contestation de la capacité de représentation</u></p> <p>La capacité de la personne de représenter une partie peut être contestée par l'autre partie en raison de ne pas être le véritable représentant. Dans ce cas, cette personne peut arrêter sa représentation jusqu'à ce qu'elle ait prouvé le Comité qu'elle a le pouvoir d'agir. Le Comité peut ajourner l'instruction d'audience pour permettre au représentant de prouver qu'il a ce pouvoir.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 8: Amafaranga y’ubujurire</u></p> <p>Amafanga y’ubujurire ni ibihumbi mirongo ine by’amafaranga y’u Rwanda (40.000 FRW) atangwa mu isanduku ya Leta.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Uburyo bwo gutanga ubujurire</u></p> <p>Ubujurire butangwa ku Munyamabanga.</p> <p>Uwajuriye ashya numero kuri buri rupapuro rw’ubujurire akageza kopi ku Munyamabanga wa Komite.</p> <p>Inyandiko y’ubujurire igomba kuba yanditse mu buryo bwumvikana kandi busomeka.</p> <p>Ubujurire buherekezwa n’ikimenyetso cy’uko kopi y’ubujurire yashyikirijwe uregwa n’ikimenyetso ko amafaranga y’ubujurire yishyuwe.</p> <p>Mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) amaze kubona ubujurire, uregwa aha Umunyamabanga n’uwajuriye igisubizo gifite amakuru n’inyandiko byerekeye icyemezo cyafashwe, inyandiko z’inyongera iyo zihari, harimo n’ukwiregura kwe.</p>	<p><u>Article 8: Appeal fees</u></p> <p>Appeal fees are fixed at forty thousand Rwandan Francs (FRW 40,000) paid to the Public Treasury.</p> <p><u>Article 9: Procedure for lodging an appeal</u></p> <p>The appeal is lodged with the Secretary.</p> <p>The appellant paginates the appeal papers and delivers a copy to the Secretary of the Committee.</p> <p>An appeal request must be clearly and legibly printed.</p> <p>The appeal is accompanied by a proof that a copy has been served on the respondent as well as a proof of payment of the appeal fee.</p> <p>Within fifteen (15) days of receipt of the appeal, the respondent furnishes the Secretary and the appellant the reply with the records and supporting documents for the decision taken, supplementary papers if any, including arguments.</p>	<p><u>Article 8: Frais de recours</u></p> <p>Les frais de recours sont fixés à quarante mille francs Rwandais (40.000 FRW), versés au trésor public.</p> <p><u>Article 9: Procédure d’interjection de recours</u></p> <p>Le recours est introduit auprès du Secrétaire.</p> <p>L’appelant fait numéroter des documents de recours et en remet un exemplaire au Secrétaire du Comité.</p> <p>L’acte de recours doit être écrit de façon claire et lisible.</p> <p>Le recours est accompagné d’une preuve qu’une copie a été signifiée au répondant ainsi qu’une preuve de paiement des frais de recours.</p> <p>Endéans quinze (15) jours de la réception de recours, le répondant fournit au Secrétaire et l’appelant sa réponse avec les informations et les pièces justificatives de la décision prise, les pièces supplémentaires s’il y en a, y compris ses arguments.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 10:</u> Ibikubiye mu nyandiko y'ubujurire</p> <p>Inyandiko y'ubujurire igaragaza ibi bikurikira:</p> <p>1° amazina y'uwajuriye, aho abarizwa cyangwa aho akora, umurimo we na aderesi y'aho akorera;</p> <p>2° aderesi y'iposita cyangwa iy'ikoranabuhanga y'uwajuriye iyo bihari;</p> <p>3° uhagarariye ujurira, niba yarahisemo guhagararirwa.</p>	<p><u>Article 10:</u> Content of an appeal request</p> <p>An appeal request indicates the following:</p> <p>1° names of the appellant, his or her residence or place of business, occupation and employment address;</p> <p>2° appellant's postal address or electronic mail address, if available;</p> <p>3° appellant's representative if the appellant chose to be represented.</p>	<p><u>Article 10:</u> Contenu d'une demande de recours</p> <p>Une demande de recours indique ce qui suit:</p> <p>1° les noms de l'appelant, sa résidence ou son lieu d'affaires, sa profession et son adresse de travail;</p> <p>2° l'adresse postale ou électronique de l'appelant, s'il y en a;</p> <p>3° le représentant de l'appelant si l'appelant a choisi d'être représenté.</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Imyanzuro</p> <p>Umwanzuro ushyirwaho umukono n'ujurira cyangwa n'umuhagarariye.</p> <p>Umwanzuro ugira ibika bishyirwaho numero zikurikiranye kandi buri gika kikagira igisobanuro cyihariye cy'ikirego kijyanye n'icyemezo kijuririrwa.</p> <p>Umwanzuro ugira inyandiko isobanutse igaragaza ingingo zose uruhande rushingiraho rutanga ubujurire cyangwa igisubizo ku bujurire, kugira ngo urundi ruhande rushobore gusubiza.</p>	<p><u>Article 11:</u> Submissions</p> <p>A submission is signed by an appellant or by his or her representative.</p> <p>A submission is divided into paragraphs which are consecutively numbered and each contains a distinct claim related to the contested decision.</p> <p>A submission contains a clear and concise statement of the material facts upon which a party relies for his or her appeal or answer to the appeal to enable the opposite party to reply thereto.</p>	<p><u>Article 11:</u> Conclusions</p> <p>Une conclusion est signée par un appellant ou par son représentant.</p> <p>Une conclusion est divisée en alinéas qui sont numérotés consécutivement et chacun contient une revendication distincte relative à la décision contestée.</p> <p>Une conclusion contient un exposé clair et concis des faits importants sur lesquels une partie fonde son recours ou sa réponse au recours pour permettre à la partie adverse d'y répondre.</p>

<p>Uruhande rwifashishije inyandiko cyangwa igice cyayo rwita ko iyo nyandiko cyangwa igice cyayo bishyirwa ku mugereka w'umwanzuro.</p> <p>Uruhande rwifashishije amasezerano agengwa n'itegeko rugaragaza imiterere y'uko rwubahiriza ingingo zikubiye muri iryo tegeko.</p> <p>Iyo uruhande rudashoboye kubahiriza ibikubiye muri iyi ngingo, imyanzuro yarwo ntiyakirwa.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Ivugururwa ry'imyanzuro</u></p> <p>Iyo igisubizo kivugwa mu gika cya 5 cy'ingingo ya 9 y'iri teka kimaze gutangwa, uruhande rubyifuza rufite uburenganzira bwo kuvugurura imyanzuro mu gihe kitarenze iminsi itanu (5). Iryo vugurura rishyikirizwa Komite n'urundi ruhande.</p> <p>Uruhande rwagizweho ingaruka n'ivugurura ry'imyanzuro rushobora, mu minsi itanu (5) nyuma y'uko ruyishyikirijwe, guhindura imyanzuro rwatanzwe ruyihuza n'ibyahinduwe.</p>	<p>A party who relies on a document or its part ensures that a copy thereof or of the part relied on in the pleading is annexed to the submission.</p> <p>A party who relies on an agreement governed by legislation states the nature and extent of the party's compliance with the relevant provisions of such legislation.</p> <p>If a party fails to comply with the provisions of this Article, his or her submissions are inadmissible.</p> <p><u>Article 12: Amendment of submissions</u></p> <p>If the reply referred to in Paragraph 5 of Article 9 of this Order is submitted, the party which wishes so is entitled to amend the submissions within five (5) days. Such amendment is submitted to the Committee and the other party.</p> <p>A party affected by an amendment, within five (5) days after reception of submission, may make a consequential adjustment to the submissions filed by him or her.</p>	<p>Une partie qui s'appuie sur un document ou sa partie s'assure qu'une copie de celui-ci ou de la partie invoquée dans la conclusion y est annexée.</p> <p>Une partie qui s'appuie sur un contrat régi par la loi indique la nature et l'étendue de la conformité de la partie aux dispositions pertinentes de cette loi.</p> <p>Lorsqu'une partie ne se conforme pas à des dispositions du présent article, ses conclusions sont irrecevables.</p> <p><u>Article 12: Modification des conclusions</u></p> <p>Lorsque la réponse visée à l'alinéa 5 de l'article 9 du présent arrêté est transmise, la partie qui le désire a le droit de modifier les conclusions endéans cinq (5) jours. Cette modification est transmise au Comité et à l'autre partie.</p> <p>Une partie affectée par une modification des conclusions, endéans cinq (5) jours suivant la réception des conclusions, peut apporter l'ajustement conséquent aux conclusions qu'elle a déposées.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 13: Itangwa ry'inyandiko cyangwa ry'amajwi n'amashusho</u></p> <p>Iyo bibaye ngombwa, Komite ishobora, mu gihe cyo kumva ubujurire, gutegeka ko uruhande rugaragaza inyandiko cyangwa amajwi n'amashusho rufite cyangwa rufiteho ububasha iyo bifitanye isano n'idosiye iri mu bujurire.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Guhamagara abatangabuhamya</u></p> <p>Uruhande rukeneye umutangabuhamya mu iburanisha rusaba mu nyandiko Umunyamabanga gutumira uwo mutangabuhamya.</p> <p>Iyo umutangabuhamya afite inyandikomvaho, ikintu cyangwa inyandiko uruhande rushaka ko atumizwa rwifuzaga kugaragaza nk'ikimenyetso, inyandiko itumira igaragaza iyo nyandiko cyangwa icyo kintu, ikanasaba umutangabuhamya kubitanga mu gihe cyo kumva ubujurire.</p> <p>Ikiguzi cyo kwitabira ubujurire k'umutangabuhamya gitangwa n'uruhande rwifuje ko uwo mutangabuhamya atumizwa mu iburanisha.</p>	<p><u>Article 13: Production of documents or recording</u></p> <p>When it is necessary, the Committee, during the course of proceeding, may order to any party to produce a document or recording in his or her power or control relating to a matter in appeal.</p> <p><u>Article 14: Summoning of witnesses</u></p> <p>A party that wishes the attendance of a witness in a proceeding requests in writing the Secretary to issue a summon for that witness.</p> <p>When a witness has in his or her possession or control an authentic deed, an instrument or a document which the party requiring his or her attendance desires to be produced as evidence, the summon specifies such document or instrument and requires the witness to produce it in the hearing of the appeal.</p> <p>The cost of attendance of the witness in the appeal is covered by the party that requires the witness'attendance.</p>	<p><u>Article 13: Production des documents ou d'un enregistrement</u></p> <p>Si nécessaire, le Comité, au cours de l'audition d'un recours, peut ordonner à une partie de produire un document ou un enregistrement sous son pouvoir ou son contrôle relatif au sujet en recours.</p> <p><u>Article 14: Assignation des témoins</u></p> <p>Une partie qui désire la présence d'un témoin dans une audience, demande par écrit au Secrétaire de délivrer une assignation à ce témoin.</p> <p>Lorsqu'un témoin a en sa possession ou son contrôle un acte authentique, un instrument ou un document que la partie qui exige sa comparution désire d'être produit comme preuve, la convocation spécifie ledit document ou cet instrument et oblige le témoin à le produire pendant l'audition de recours.</p> <p>Les frais de présence du témoin en recours sont à la charge de la partie qui exige la comparution du témoin.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 15: Imenyeshya ryo kumva ubujurire</u></p> <p>Komite yumva ubujurire mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) uherye ku munsu yaboneyeho igisubizo cy'uregwa kivugwa mu gika cya 5 cy'ingingo ya 9 y'iri teka.</p> <p>Imenyeshya ry'itariki yo kumva ubujurire rishyikirizwa impande zombi mu gihe kitari munsu y'iminsi icumi (10) mbere yo kumva ubujurire.</p> <p><u>Ingingo ya 16: Gutanga ibimenyetso</u></p> <p>Mu kumva ubujurire, uwajuriye ni we ubanza gutanga ibimenyetso.</p> <p>Icyakora, iyo mu kumva ubujurire uregwa ari we ugomba kwerekana ibimenyetso, icyo gihe ni rwo ruhande rubanza gutanga ibimenyetso, byaba ngombwa nyuma yaho n'urega akerekana ibimenyetso bye.</p> <p>Uruhande urwo ari rwo rwose, rubyemerewe na Komite, rushobora kwerekana ibindi bimenyetso igihe cyose mbere y'uko icyemezo gifatwa, ariko uruhande rushobora kudahabwa ubu burenganzira iyo bigaragariye Komite ko uruhande rwanze kubitanga mbere yo kumva ubujurire.</p>	<p><u>Article 15: Notice of hearing of an appeal</u></p> <p>Committee hears the appeal within thirty (30) days from the date of receipt of the reply of the respondent referred to in Paragraph 5 of Article 9 of this Order.</p> <p>The notice of the date of hearing of an appeal is served on all parties within ten (10) days before the date of the proceedings of the appeal.</p> <p><u>Article 16: Production of evidence</u></p> <p>During the hearing of an appeal, the appellant first presents his or her evidence.</p> <p>However, during the hearing of an appeal the burden of proof is on the respondent, he or she first presents his or her evidence, and if necessary, the appellant thereafter presents his or her evidence.</p> <p>Any party, with the authorisation of the Committee, may present further evidence at any time before judgment, but such authorisation may not be granted if it appears to the Committee that such evidence was intentionally withheld before the hearing of the appeal.</p>	<p><u>Article 15: Avis d'audition d'un recours</u></p> <p>Le Comité entend le recours endéans trente (30) jours à partir de la réception de la réponse visée à l'alinéa 5 de l'article 9 du présent arrêté.</p> <p>L'avis de la date d'audition d'un recours est signifié à toutes les parties endéans dix (10) jours avant l'audition en recours.</p> <p><u>Article 16: Production des preuves</u></p> <p>Lors de l'audition en recours, l'appelant présente en premier lieu ses preuves.</p> <p>Cependant, lors d'audition d'un recours, la charge de la preuve incombe au répondant, il fait d'abord part de son témoignage et, si nécessaire, l'appelant par la suite fait part de son témoignage.</p> <p>Toute partie, avec l'autorisation du Comité, peut présenter des preuves supplémentaires à tout moment avant la décision, mais une telle autorisation peut ne pas être accordée s'il apparaît au Comité que ces preuves supplémentaires ont été intentionnellement retenus avant l'audition de recours.</p>
---	---	--

<p>Komite, ibisabwe n'uruhande rumwe cyangwa ibyibwirije, ishobora kongera guhamagaza umutangabuhamya wese agatanga ibindi bisobanuro byimbitse, igihe cyose mbere y'ifatwa ry'icyemezo.</p>	<p>The Committee may at any time before judgment, on the application of any party or on its own motion, recall any witness for further examination.</p>	<p>Le Comité peut, à tout moment avant le jugement, sur la demande de toute partie ou de sa propre requête, rappeler tout témoin pour un examen plus approfondi.</p>
<p><u>Ingingo ya 17: Iyimirwa n'isubikwa</u></p>	<p><u>Article 17: Adjournment and postponement</u></p>	<p><u>Article 17: Ajournement et remise</u></p>
<p>Komite, ibisabwe cyangwa ibyibwirije, ishobora kwimura cyangwa gusubika kumva ubujurire.</p>	<p>The Committee, either on application or on its own motion, may adjourn or postpone the hearing of an appeal.</p>	<p>Le Comité, soit sur la demande ou de son initiative, peut ajourner ou remettre l'audition d'un recours.</p>
<p>Iyo isubikwa cyangwa iyimirwa ryo kumva ubujurire ribaye ritagennye itariki rizasubukurirwaho, uruhande urwo ari rwo rwose rushobora gusaba Umunyamabanga kongera gushyiraho itariki yo kumva ubujurire. Umunyamabanga akena itariki mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) uherye ku muni w'ubusabe.</p>	<p>If an adjournment or postponement of the hearing of an appeal is made to unknown date, any party may request the Secretary to reinstate the matter for further hearing. The Secretary sets the date within ten (10) days from the date of application.</p>	<p>Lorsqu'un ajournement ou une remise de l'audition d'un recours est faite pour une date inconnue, toute partie peut demander au Secrétaire de rétablir l'affaire pour une audience ultérieure. Le Secrétaire fixe la date endéans dix (10) jours à partir du jour de la demande.</p>
